ISO 9001:2015 CERTIFIED

Kigali, kuwa 31 Mutarama 2021

Imvura iteganyijwe muri Gashyantare 2021

Mu kwezi kwa Gashyantare 2021, mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 200. Imvura iteganyijwe muri Gashyantare izaba iri ku kigereranyo cy'impuzandengo y'igihe kirekire ahenshi mu gihugu ikaziyongeraho gato mu majyepfo y'iburengerazuba bw'igihugu. Iyi mvura iteganyijwe izaturuka ahanini ku kwiyongera k'umwuka uherereye mu nyanja y'Abahinde ndetse no kubuhehere bw'umwuka buturuka mu misozi, amashyamba n'ibiyaga bidukikije. Hateganyijwe kandi ko igice cya kabiri cy'ukwezi aricyo kizagwamo imvura ihagije kurusha ibindi bice.

Dore uko imvura iteganyijwe mu bice bitandukanye by'igihugu:

- **Imvura iri hagati ya milimetero 50 na 75** iteganyijwe mu burasirazuba ndetse no hagati mu karere ka Nyagatare, mu burasirazuba bw'akarere ka Kayonza, mu majyaruguru no mu burasirazuba bw'akarere ka Gatsibo.

- **Imvura iri hagati ya milimetero 75 na 100** iteganyijwe mu Mujyi wa Kigali, ahandi hasigaye mu turere twa Nyagatare, Gatsibo na Kayonza, mu majyaruguru y'akarere ka Kirehe n'aka Ngoma, ahenshi mu turere twa Bugesera, Rwamagana na Kamonyi, mu burasirazuba bwa Ruhango, Muhanga, Gicumbi na Nyanza, hagati no mu burasirazuba bw'akarere ka Gisagara.

- **Imvura iri hagati ya milimetero 100 na 125** iteganyijwe mu bice by'amajyepfo y'Akarere ka Kirehe na Ngoma, mu gice gisigaye cy'amajyepfo y'akarere ka Bugesera, igice kinini cy'akarere ka Rulindo n'aka Gakenke, ahasigaye muri Gicumbi, mu burengerazuba bwa Ruhango, Muhanga, Nyanza na Gisagara ndetse no mu burasirazuba bw'uturere twa Ngororero, Karongi na Huye.

- **Imvura iri hagati ya milimetero 125 na 150** iteganyijwe mu karere ka Burera, Rubavu, Nyabihu na Rutsiro, mu gace gato k'amajyaruguru y'uturere twa Rulindo na Gakenke, mu majyaruguru y'iburengerazuba bw'akarere ka Ngororero, mu majyaruguru no hagati mu karere ka Karongi, mu burasirazuba bwa Musanze, Nyamagabe na Nyaruguru , mu burengerazuba bwa Huye ndetse n'agace gato k'amajyepfo y'akarere ka Nyanza n'aka Kirehe.

- **Imvura iri hagati ya milimetero 150 na 175** iteganyijwe mu karere ka Nyamasheke, agace gato k'amajyaruguru y'uturere twa Musanze, Burera, na Nyabihu, amajyepfo y'akarere ka Karongi, iburengerazuba bw'akarere ka Rusizi ndetse n'ahenshi mu bice by'amajyaruguru, hagati no mu majyepfo y'uturere twa Nyaruguru na Nyamagabe.

- **Imvura iri hagati ya milimetero 175 na 200** iteganyijwe mu burasirazuba bw'akarere ka Rusizi, mu majyepfo y'iburengerazuba bw'akarere ka Nyamagabe no mu burengerazuba bwa Nyaruguru.

Ku bindi bisobanuro birambuye by'uko imvura izagwa murabibona ku ishusho iri hasi.



Ubushyuhe buteganyijwe muri Gashyantare 2021

Mu kwezi kwa Gashyantare 2021, mu gihugu hateganyijwe ubushyuhe buri hagati ya dogere Selisiyusi (°C) 18 na 32.

Ahateganyijwe ibipimo by'ubushyuhe biri hejuru kurusha ahandi ni mu ntara y'Iburasirazuba, Umujyi wa Kigali, mu karere ka Karongi n'aka Gisagara, ibice by'uburasirazuba n'uburengerazuba by'uturere twa Ruhango na Nyanza, amajyaruguru ya Huye n'amajyepfo y'iburasirazuba bw'akarere ka Nyaruguru ahegereye Gisagara, iburengerazuba bwa Rusizi ndetse no mu bice by'uturere twa Rubavu na Rutsiro ahegereye ikiyaga cya Kivu.

Ahateganyijwe ibipimo by'ubushyuhe biri hasi kurusha ahandi ni mu bice by'uturere twa Burera, Musanze na Nyabihu byegereye ibirunga no mu turere twa Nyaruguru, Nyamagabe, Rusizi na Nyamasheke hegereye Pariki ya Nyungwe. Ahasigaye mu karere ka Burera, amajyaruguru y'akarere ka Gicumbi, Ngororero na Rulindo, amajyaruguru y'iburasirazuba bw'akarere ka Gakenke, ahenshi muri Nyabihu, Rubavu na Nyamasheke, iburasirazuba bwa Rutsiro na Rusizi no mu burengerazuba bwa Nyamasheke na Nyaruguru naho hakaba hateganyiwe ibipimo by'ubushyuhe biri hasi.

Ku bindi bisobanuro ku bushyuhe buteganyijwe mwareba ku ikarita iri hasi: